REPUBULIKA Y'U RWANDA

SNJG Téléphone et Fax 586648

B.P. 1874 Kigali
e-mail : gacaca@rwandatel1.rwanda1.com
www.inkiko-gacaca.gov.rw

URWEGO RW'IGIHUGU
RUSHINZWE INKIKO GACACA
B.P.1874 KIGALI

AMABWIRIZA Nº12/2007 YO KU WA 15/03/2007 Y'UMUNYAMABANGA NSHINGWABIKORWA W'URWEGO RW'IGIHUGU RUSHINZWE INKIKO GACACA AREBANA NO GUSUBIRAMO IMANZA ZACIWE N'INKIKO GACACA.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa ;

Amaze kubona umubare munini w'abantu basaba gusubiramo imanza zaciwe n'Inkiko Gacaca ;

Amaze kubona ko benshi mu basaba ko imanza zabo zisubirwamo baterekana impamvu bashingiraho nk'uko ziteganyijwe n'ingingo ya 93 y'Itegeko Ngenga n° 16/2004 ryo ku wa 19/06/2004 rigena imiterere, ububasha n' imikorere by'Inkiko Gacaca zishinzwe gukurikirana no gucira imanza abakoze ibyaha bya Jenoside n'ibindi byaha byibasiye inyokomuntu byakozwe hagati y'itariki ya mbere Ukwakira 1990 n'iya 31 Ukuboza 1994 nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu ;

Ashingiye ku ngingo ya 50 n'iya 93 z'Itegeko Ngenga n° 16/2004 ryo ku wa 19/06/2004 rigena imiterere, ububasha n' imikorere by'Inkiko Gacaca zishinzwe gukurikirana no gucira imanza abakoze ibyaha bya Jenoside n'ibindi byaha byibasiye inyokomuntu byakozwe hagati y'itariki ya mbere Ukwakira 1990 n'iya 31 Ukuboza 1994 nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu ;

ATANZE AMABWIRIZA AKURIKIRA:

Umutwe wa I : Ibyerekeye gusaba gusubiramo urubanza

Ingingo ya 1 :

Urubanza rushobora gusubirwamo ni urwaciwe ku buryo budasubirwaho.

Ingingo ya 2 :

Abemerewe gusaba gusubiramo urubanza ni ababuranyi n'undi wese mu nyungu z'ubutabera.

Ingingo ya 3 :

Usaba gusubiramo urubanza agomba kugaragaza no gusobanura nibura imwe mu mpamvu zikurikira :

1. Amategeko arebana n'imiburanishirize cyangwa imikirize y'imanza atarubahirijwe ;
2. Ibimenyetso bishya bitandukanye n'ibyashingiweho mu icibwa ry'urubanza rusabirwa gusubirwamo.

PDF Creator - PDF4Free v2.0 http://www.pdf4free.com

Ingingo ya 4 :

Usaba gusubiramo urubanza yandikira Perezida w'Inama Rusange y'Umurenge urwo rubanza rwaburanishirijwemo, akagenera kopi Urwego rw'Igihugu rushinzwe Inkiko Gacaca n'Umuhuzabikorwa w'Inkiko Gacaca muri uwo murenge.

Umutwe wa II : Ibyerekeye urukiko rusubiramo urubanza

Ingingo ya 5 :

Gusubiramo urubanza biri mu bubasha bw'Urukiko Gacaca rw'Ubujurire.

Iyo urubanza rusabirwa gusubirwamo rwaciwe n'Urukiko Gacaca rw'Ubujurire rufite inteko nyinshi, urwo rubanza rusubirwamo n'indi nteko itandukanye n'iyaruciye.

Iyo urubanza rusabirwa gusubirwamo rwaciwe n'Urukiko Gacaca rw'Ubujurire rufite inteko imwe, rusubirwamo n'Urukiko Gacaca rw'Ubujurire rw'undi murenge.

Ingingo ya 6 :

Perezida w'Inama Rusange y'Umurenge wandikiwe inyandiko isaba gusubiramo urubanza, atumiza inama y'abagize Inama Rusange y'Umurenge kugira ngo isuzume ishingiro ryo gusubiramo urubanza ishingiye ku mpamvu zagaragajwe n'usaba ko rusubirwamo.

Iyo Inama Rusange y'Umurenge yemeje ko urubanza rutagomba gusubirwamo, Perezida wayo abimenyesha mu nyandiko uwabisabye akagenera kopi Urwego rw'Igihugu rushinzwe Inkiko Gacaca.

Ingingo ya 7 :

Iyo Inama Rusange y'Umurenge yemeje ko urubanza rusubirwamo, igena imwe mu nteko z'Urukiko Gacaca rw'Ubujurire itandukanye n'iyaruburanishije kugira ngo izarusubiremo. Icyo gihe, Inama Rusange y'Umurenge isaba inteko y'Urukiko Gacaca yaruburanishije bwa nyuma gushyikiriza dosiye y'urubanza inteko yasabwe kuzarusubiramo.

Igihe Urukiko Gacaca rw'Ubujurire rufite inteko imwe gusa, Inama Rusange y'Umurenge yemeza Urukiko Gacaca rw'Ubujurire rw'undi murenge uri hafi ruzarusubiramo maze dosiye y'urubanza n'inyandikomvugo y'inama yemeje ko urubanza rusubirwamo bikohererezwa Perezida w'Inama Rusange y'uwo murenge.

Iyo Urukiko Gacaca rw'Ubujurire rwasabwe kuzasubiramo urubanza rufite inteko nyinshi, Perezida w'Inama Rusange washyikirijwe inyandiko zijyanye n'urubanza rugomba gusubirwamo atumiza inama y'abagize Inama Mpuzabikorwa z'inteko z'Urukiko Gacaca rw'ubujurire ikaba ariyo yemeza inteko izarusubiramo. Ashyikiriza kandi Perezida w'inteko yagenwe inyandiko zose zirebana n'urwo rubanza.

Umutwe wa III : Ibyerekeye Inama Rusange y'Umurenge isuzuma gusubiramo urubanza

Ingingo ya 8 :

Inama Rusange isuzuma ibirebana no gusubiramo imanza iterana nibura inshuro imwe mu kwezi n'igihe cyose bibaye ngombwa.

PDF Creator - PDF4Free v2.0 http://www.pdf4free.com

Perezida w'Inama Rusange y'Umurenge, abyibwirije cyangwa abisabwe n'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Inkiko Gacaca, atumiza kandi akayobora iyo nama. Igihe atabonetse, inama itumizwa kandi ikayoborwa na Visi-Perezida w'Inama Rusange y'Umurenge. Uyoboye inama agena umwanditsi wayo.

Ingingo ya 9 :

Inama Rusange y'Umurenge iterana kandi igafata ibyemezo ku buryo bwemewe n'amategeko iyo yitabiriwe nibura na bibiri bya gatatu (2/3) by'abayigize.

Umutwe wa IV : Ibyerekeye ingingo zisoza

Ingingo ya 10 :

Inyandiko zose zisaba gusubiramo imanza zandikiwe Urwego rw'Igihugu rushinzwe Inkiko Gacaca zohererejwe ba Perezida b'Inama Rusange z'Imirenge bireba.

Ingingo ya 11 :

Aya mabwiriza ntareba imanza zaciwe n'Inkiko zisanzwe kuko isubirwamo ryazo rizashingira ku mabwiriza yihariye nk'uko biteganyijwe n'ingingo ya 3 y'Amabwiriza n° 09/06 yo ku wa 26/07/2006 y'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Inkiko Gacaca.

Ingingo ya 12:

Aya mabwiriza agenewe Inkiko Gacaca zose kandi atangira gukurikizwa ku munsi yashyiriweho umukono n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Inkiko Gacaca.

Bikorewe i Kigali, ku wa 20/03/2007

MUKANTAGANZWA Domitilla

Umunyamabanga Nshingwabikorwa
w'Urwego rw'Igihugu rushinzwe
Inkiko Gacaca

Sé

PDF Creator - PDF4Free v2.0 http://www.pdf4free.com